I. INTANGIRIRO

Nkuko byavuzwe mu ijambo ry'ibanze, igikorwa cy'ikusanyamakuru mu Mirenge n'Utugari byo mu cyiciro cy'icyitegererezo cyatangiye mu byiciro bibiri. Icyiciro cya mbere cyatangiye ku wa 19 Kamena 2002 mu mirenge 12 yatoranyijwe mu Ntara zose n'Umujyii wa Kigali. Icyiciro cya kabiri cyatangiye ku wa 25 Ugushyingo 2002 mu Mirenge 106, ni ukuvuga umurenge umwe muri buri Karere n'Umujyi, nkuko byari bimeze mbere y'ivugururwa ry'inzego z'ubutegetsi.

Igikorwa cy'iburanisha cyatangiye ku wa 10 Werurwe mu Mirenge yo mu cyiciro cy'icyitegererezo. Iyi raporo iragaragaza ibyagezweho n'Inkiko Gacaca z'Imirenge, iz'Ubujurire n'iz'Utugari byo muri icyo cyiciro cyavuzwe haruguru. Amakuru ajyanye n'ibi bikorwa by'iburanisha ni ayo kugera tariki ya 14 Nyakanga 2006.

II. AMAZINA Y'INKIKO GACACA ZO MU CYICIRO CY'ICYITEGEREREZO

INTARA	AKARERE	UMURENGE	UMUBARE W'INKIKO GACACA Z'UTUGARI
UMUJYI WA KIGALI	KICUKIRO	BUSANZA	4
		NYARUGUNGA	5
		KIGARAMA	7
		GATENGA	1
		KAGARAMA	4
	GASABO	RUSORORO	7
		KACYIRU	7
		KINYINYA	5
		GICACA II	11
	NYARUGENGE	BUTAMWA	10
		RUGENGE	7
		RUGARAMA	2
AMAJYEPFO	KAMONYI	NYAMIREMBE	5
		KIGESE	10
		MBATI	6
	NYAMAGABE	NKUMBURE	9
		BUHORO	7
		KIZI	6
		KIBUMBWE	6
		MBAZI	6
	MUHANGA	GITOVU	12
		RWAMARABA	7
		NYABITARE	7
	RUHANGO	KINAZI	9
		NYAGASOZI	6
		MUNANIRA	7
		GITISI	4
	HUYE	RUKIRA	2
		GISHAMVU	3

		TARE	3
		BUSHESHI	4
	NYARUGURU	RUHERU	6
		NYAGISOZI	3
		NYARUSOVU	4
	NYANZA	NTYAZO	3
		NKOMERO	10
		MUSHIRARUNGU	3
	GISAGARA	MUKINDO	3
		CYAYI	4
		ZIVU	3
AMAJYARUGURU	GAKENKE	RUSORO	6
		MATABA	5
		KIRIBA	7
		MURAMBA	6
		JOMA	7
	MUSANZE	BISATE	8
		MUHOZA	3
		BUSOGO	6
	BURERA	RUGENGABARI	5
		NYANGA	4
		KAYANGE	7
		BUNGWE	7
	GICUMBI	MUHONDO	5
		MUTETE	5
		ZOKO	7
		MUKO	7
		MUGINA	8
	RULINDO	BURAMIRA	6
		RUTONDE	12
		RUSAGARA	8
		KIRWA	12
		MUVUMO	3
IBURASIRAZUBA	GATSIBO	BUGARURA	8
		KIGASHA	4
		KIBURARA	3
		GAKENKE	5
	KAYONZA	BISENGA	5
		GAHINI	7
		RUKARA	7
		NYAMIRAMA	5
	NYAGATARE	BUSHARA	5
		GATSIRIMA	5
		KABARE	6
		BARIJA	3
		RWEMPASHA	5

		GAKIRAGE	10
		KAGITUMBA	10
	BUGESERA	KINDAMA	10
		MAREBA	11
		MAYANGE	12
		MBYO	6
	KIREHE	GATORE	13
		NYARUBUYE	8
	RWAMAGANA	RUHUNDA	5
		GAHENGERI	9
		RWINKUBO	6
	NGOMA	RUBAGO	7
		RUBONA	6
		GITWE	7
		BIRENGA	5
		BARE	5
IBURENGERAZUBA	RUTSIRO	BUSANZA	6
		BUDAHA	5
		MUSHUBATI	6
		GIHANGO	6
		MURAMA	6
	NYABIHU	MUKAMIRA	5
		GASASA	5
	NGORORERO	RWIRI	7
		MBUYE	6
		NYANGE	8
		NTAGANZWA	8
	RUBAVU	NYUNDO	11
		MUDENDE	6
		MUHIRA	5
		GISENYI	14
	NYAMASHEKE	GASHIRABWOBA	5
		RUHARAMBUGA	7
		NYAMASHEKE	5
		GIHOMBO	6
		RUGANO	8
	RUSIZI	NYAKANYINYA	6
		MUHARI	8
		NZAHAHA	6
		BUGARAMA	7
	KARONGI	SANZA	8
		KIGOMA	6
		RUBENGERA	6
5	**30**	**118**	**752**

III. IBYAKOZWE N'INKIKO GACACA MU CYICIRO CY'ICYITEGEREREZO

III.1. IBYAGEZWEHO MU NKIKO GACACA Z'IMIRENGE

Imibare y'ibyakozwe n'Inkiko Gacaca z'Imirenge zo mu cyiciro cy'icyitegererezo. Iyo mibare ku rwego rw'igihugu ni iyi ikurikira:

- Umubare w'amadosiye yashyikirijwe Inkiko Gacaca z'Imirenge: 35387;

- Umubare w'abireze bakemera ibyaha mbere yo kuburana: 6145;

- Umubare w'abemeye ibyaha bwa mbere mu iburanisha: 1921;

- Umubare w'abireze bikemerwa: 3759;

- Umubare w'abireze ntibyemerwe: 1015;

- Umubare w'ababuranishijwe: 7721;

- Umubare w'abahinduriwe urwego bagashyirwa mu rwego rwa mbere: 455;

- Umubare w'abahamwe n'ibyaha byo mu rwego rwa gatatu gusa: 626;

- Umubare w'abagizwe abere bari bafunze: 540;

- Umubare w'abagizwe abere bari badafunze: 845;

- Umubare w'abajuririye igihano bahawe: 1354;

- Umubare w'abatarajuririye igihano bahawe: 5362;

- Umubare w'abahohotewe bajuriye: 323;

- Umubare w'abasomewe bose: 7412;

- Umubare w'abatarasomerwa: 309;

- Umubare w'abakatiwe kubera ingingo za 32 na 37 z'Itegeko Ngenga ku Nkiko Gacaca rya kera cyangwa 29 na 30 z'Itegeko Ngenga rishya: 478;

- Umubare w'abafunzwe by'agateganyo bwa mbere n'Urukiko Gacaca : 153;

- Umubare w'abakatiwe igihano cy'igifungo kingana n'igihe bari bamaze muri gereza: 201 ;

- Umubare w'abakatiwe igihano cy'igifungo kiri munsi y'igihe bari bamaze muri gereza: 570 ;

- Umubare w'abakatiwe igihano cy'igifungo kiri hejuru y'igihe bari bamaze muri gereza: 2579 ;

- Umubare w'abakatiwe imyaka iri hagati ya 25 na 30 y'igifungo: 1404 ;

- Umubare w'abavuguruye ubwirege bwabo mu gihe cy'iburanisha: 556;

- Umubare w'abatorotse batinya guhabwa igihano: 374 ;

- Umubare w’abakatiwe TIG: 2776.

- Umubare w’abacitse ku icumu bagaragaje ibimenyetso by’ihungabana mu gihe cy’iburanisha: 273.

Iyi mibare yose igaragaza intera Inkiko Gacaca z’Imirenge zagezeho ku rwego rw’Igihugu mu cyiciro cy’icyitegererezo.

III.2. IBYAGEZWEHO MU NKIKO GACACA Z'UBUJURIRE

Imibare y’ibyakozwe n’Inkiko Gacaca z’Ubujurire zo mu cyiciro cy’icyitegererezo. Iyo mibare ku rwego rw’igihugu ni iyi ikurikira:

- Umubare w’amadosiye yashyikirijwe inkiko gacaca z’ubujurire: 1661;

- Umubare w’amadosiye y’abamaze kuburanishwa: 1115;

- Umubare w’abagizwe abere bari badafunze: 166;

- Umubare w’abagizwe abere bari bafunze: 320;

- Umubare w’abakomeje guhabwa igihano bari barahawe n’Inkiko Gacaca z’Imirenge: 430;

- Umubare w’abongerewe ibihano: 245;

- Umubare w’abacice ku icumu bagaragaje ibimenyetso by’ihungabana mu gihe

cy’iburanisha: 43;

- Umubare w’imanza zahinduriwe ibyemezo zari zarajuririwe n’abahohotewe:

- Iz’ibihano byiyongereye: 158;

- Iz’ibihano byagabanutse: 93;

- Umubare w’abakatiwe hakurikijwe ingingo za 32 na 37 z’Itegeko Ngenga ku Nkiko Gacaca rya kera cyangwa 29 na 30 z’Itegeko Ngenga rishya: 95;

- Umubare w’abakatiwe TIG: 258.

Iyi mibare igaragaza ibikorwa byagezweho n’Inkiko Gacaca z’Ubujurire mu cyiciro cy’icyitegererezo ku rwego rw’Igihugu.

III.3. IBYAGEZWEHO MU NKIKO GACACA Z'UTUGARI

Imibare y'ibyakozwe n'Inkiko Gacaca z'Utugari zo mu cyiciro cy'icyitegerererezo. Iyo mibare ku rwego rw'igihugu ni iyi ikurikira:

- Umubare w'amadosiye yakozwe n'Inkiko Gacaca z'Utugari mu cyiciro cy'icyitegerererezo: 56789;

- Umubare w'amadosiye yashyikirijwe ubushinjacyaha: 5752;

- Umubare w'amadosiye yashyikirijwe Inkiko Gacaca z'Imirenge: 33727;

- Umubare w'amadosiye yagumye mu Nkiko Gacaca z'Utugari: 17220;

- Umubare w'abireze bo mu rwego rwa mbere: 332;

- Abo mu rwego rwa kabiri: 5333;

- Abo mu rwego rwa gatatu: 3612;

- Umubare w'amadosiye yiyongereye mu Nkiko Gacaca z'Utugari nyuma yo gusubira mu ikusanyamakuru agashyirwa mu rwego rwa rwa mbere: 700;

- Ayashyizwe mu rwego rwa kabiri: 5863;

- Ayashyizwe mu rwego rwa gatatu: 6274;

- Umubare w'Inkiko Gacaca zatangiye gukemura ibibazo byo mu rwego rwa gatatu birebana no kuriha umutungo; harimo:

- Umubare w'abasubije ibyononwe cyangwa ibyasahuwe: 1680;

- Umubare w'abatanze amafaranga angana n'ibyononwe cyangwa ibyasahuwe: 2396;

- Umubare w'abazakora imirimo ihwanye n'agaciro k'ibyononwe cyangwa ibyasahuwe: 50;

- Umubare w'abahisemo ubundi buryo: - Abatanze ingurane: 30;

- Abasonewe n'uwononewe umutungo: 262;

- Umubare w'abakatiwe hakurikijwe ingingo za 32 na 37 z'Itegeko Ngenga ku Nkiko Gacaca rya kera cyangwa 29 na 30 z'Itegeko Ngenga rishya: 596;

- Umubare w'abafunzwe by'agateganyo: 583;

- Umubare w'abarekuwe n'Inkiko Gacaca z'Utugari: 888;

- Umubare w'abacitse ku icumu bagaragaje ibimenyetso by'ihungabana mu ikusanyamakuru: 637;

- Umubare w'abatorotse batinya guhabwa ibihano: 797.

Imibare igaragaza intambwe yatewe n'Inkiko Gacaca z'Utugari ku rwego rw'Igihugu.

IV. UMWANZURO

Kuva iburanisha ryatangira mu Nkiko Gacaca zo mu cyiciro cy'icyitegererezo kugeza ubu, imibare irerekana ko ku madosiye 35387 yashyikirijwe inkiko gacaca z'imirenge, imanza 7721 zimaze kuburanishwa; ni ukuvuga 21,81%. Intara iza imbere mu kwihutisha imanza mu nkiko gacaca z'imirenge, ni Intara y' Amajyaruguru igeze kuri 37,59% kuko ku manza 3032 zashyikirijwe inkiko gacaca z'imirenge 1140 zimaze kuburanishwa; naho akarere kaza imbere y'utundi ni Akarere ka Burera kageze ku mpuzandengo ya 80,55% kuko ku manza 36 zimaze gushyikirizwa inkiko gacaca z'imirenge 29 zimaze kuburanishwa. Intara iri inyuma ni Umujyi wa Kigali uri ku mpuzandengo ya 16,92%; kuko ku manza 4113 zashyikirijwe inkiko gacaca z'imirenge 696 ari zo zonyine zimaze kuburanishwa. Akarere kari inyuma ni akarere ka Kirehe kari ku mpuzandengo ya 7,86%; ibyo bikaba bigaragazwa n'uko ku manza 1297 zashyikirijwe inkiko gacaca z'imirenge, 102 ari zo zimaze kuburanishwa.

Ku bijyanye no kwihutisha imanza mu nkiko gacaca z'ubujurire, imibare igaragaza ko ku manza 1661 zashyikirijwe inkiko gacaca z'ubujurire, izigera kuri 1115 zimaze kuburanishwa; ni ukuvuga 67,12%. Intara iza imbere mu kwihutisha imanza, ni Intara y'Iburasirazuba igeze kuri 71,86%; kuko ku manza 327 zashyikirijwe inkiko gacaca z'ubujurire, 235 zimaze kuburanishwa; naho akarere kari imbere y'utundi mu kwihutisha imanza, ni Akarere ka Burera kageze ku 100% kuko ku manza 7 zashyikirijwe inkiko gacaca z'ubujurire zose zimaze kuburanishwa. Intara iri inyuma mu kwihutisha imanza ni Umujyi wa Kigali ugeze ku mpuzandengo ya 57.14%, kuko ku manza 210 zashyikirijwe inkiko gacaca z'ubujurire, 120 nizo zimaze kuburanishwa. Akarere kari inyuma y'utundi ni Akarere ka Kirehe, aho ku manza 22 zashyikirijwe inkiko gacaca z'ubujurire, 4 gusa arizo zimaze kuburanishwa, ni ukuvuga 18,18%.

Uhereye ku itariki imanza zatangiriyeho (10 Werurwe 2005), iyi mibare igaragaza ko ingufu nyinshi zikwiye gushyirwa mu kwihutisha imanza ku rwego rw'inkiko gacaca z'imirenge kugira ngo imanza zizashobore kurangira ku gihe cyateganyijwe, ni ukuvuga mu Kuboza 2007.